

Yakijije akanyoni



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019

MUMPE URUBUGA NSOME!



MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze...Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.
- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.
- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri muni, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

Yakijije akanyoni



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019

UMUTONIWASE Irene, yanditse iyi nkuru afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Kabitovu, Akarere ka Rutsiro, Intara y'Iburengerazuba. Iyi nkuru ye, YAKIJIJE AKANYONI ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Mugabo yiga mu mwaka wa gatatu.
Agira impuhwe kandi yubaha buri wese.



Iyo avuye ku ishuri, akora imikoro yahawe.
Afasha ababyeyi gukora imirimo yo mu rugo.



Umunsi umwe yarazindutse ajya ku ishuri.
Mu nzira abona akanyoni kananiwe kugenda.



Mugabo yitegereza ukuntu kajwigira.
Akagirira impuhwe aragaterura.



Areba hose ko yabona nyina araheba.
Atangira gutekereza uko yagafasha.



Aribaza ati: “Ese nkajyane ku ishuri?”
Arongera ati: “Ese ngasige hano?”




Akebutse hirya abona icyari mu giti.
Agashyira muri icyo cyari.



Mugabo akomeza urugendo ajya ku ishuri.
Yagiye yihuta kugira ngo adakererwa.



Umwarimu amubaza impamvu aje ahumagira.
Mugabo amubwira uko byamugendekeye.



Umwarimu aramushimira.
Asaba abana bose kujya bita ku bidukikije.



Mugabo yakurikiye amasomo neza.
Isaha yo gutaha igeze, agenda yihuta.



Yatekerezaga ko ka kanyoni kashonje.
Yibazaga icyo aza kukagaburira.



Ageze mu nzira abona amasaka hasi.
Arayatoragura ngo ayashyire ka kanyoni.



Asanga kari mu cyari kashonje.
Mugabo agaha udusaka yakazaniye.



Kamaze kurya udusaka gatangira kujwigira.
Mugabo yakareba akanezerwa.



Nyina iraza ihagarara hejuru y'icyari.
Ikubita amababa irebamo.
Yari ihangayikiye icyana cyayo.



Mugabo ayibonye yigira inyuma.
Abona nyina isanze icyana cyayo mu cyari.



Mugabo ataha anezerewe.
Yishimiye ko akanyoni kabonye nyina.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

